<p><b>Ingingo ya 14: Inzego zohererezwa ibyemezo by’Inama Rusange</b></p> <p>Ibyemezo by’Inama Rusange ku rwego rw’igihugu byemezwa n’abayigize bari mu nama ikirangira, bikohererezwa Minisitiri ufite uburinganire mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu kuva abimenyeshewe.</p> <p>Ibyemezo by’Inama Rusange ku zindi nzego z’imitegekere y’igihugu byemezwa n’abayigize bari mu nama ikirangira, bikohererezwa Umuhuzabikorwa wa Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Imitegekere y’igihugu rwisumbuye mu gihe kitarenze iminsi itanu kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu kuva abimenyeshewe, ikagera kopi ubuyobozi bwite bwa Leta buri kuri urwo rwego.</p>	<p>re-examined in the next meeting.</p> <p><b>Article 14: Instances receiving the decisions of General Assembly</b></p> <p>The decisions of the General Assembly at national level shall be approved by its members immediately after meeting and its copy sent to the Minister in charge of gender within five (5) working days beyond which the Minister should give his or her views within fifteen days after receiving that copy.</p> <p>The Decision of the General Assembly at other levels of the Administration of the country shall be approved by its members immediately after meeting, and a copy sent to the Coordinator of the Executive Committee of the National Women’s Council at the superior organ of the Administration of the country within five days and which the Coordinator should give her views within fifteen days after receiving that copy, and copy shall be sent to the organ of the Central Administration at that level.</p>	<p>discussions au cours de la prochaine réunion.</p> <p><b>Article 14 : Instances destinataires des décisions de l’Assemblée Générale</b></p> <p>Les décisions de l’Assemblée Générale au niveau national sont approuvées par ses membres présents immédiatement après la réunion et copie est réservée au Ministre ayant le genre dans ses attributions endéans cinq (5) jours ouvrables au-delà desquels le Ministre doit faire connaître sa réaction dans un délai ne dépassant pas quinze jours après réception de cette copie.</p> <p>Les décisions de l’Assemblée Générale à d’autres niveaux de l’administration du pays sont approuvées par ses membres présents immédiatement après la réunion, et copie en est réservée au Coordinatrice du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau de l’organe supérieur de l’Administration du pays endéans cinq jours au-delà desquels le Coordinateur doit faire connaître sa réaction dans un délai ne dépassant pas quinze jours après réception de cette copie. La copie</p>
--	---	--



<p>Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho, ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 15: Inzego zohererezwa inyandikomvugo y'Inama Rusange</u></b></p> <p>Inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange kuri buri rwego ikorwa n'Umunyamabanga wayo. Ishyirwaho umukono n'Umuyobozi w'inama n'Umunyamabanga.</p> <p>Kopi y'inyandikomvugo ishyikirizwa Urwego rwisumbuye mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu y'akazi (15) guhera umunsi yemerejweho.</p> <p>Inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange ku rwego rw'Igihugu yohererezwa Minisitiri ufite uburinganire mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu guhera umunsi yemerejweho.</p>	<p>When this time expires before he/she has given his/her views, decisions taken shall be assumed definitively approved.</p> <p><b><u>Article 15: Instances receiving the minutes of general Assembly</u></b></p> <p>At each level, minutes of the meeting of the General Assembly shall be taken by its Secretary and signed by the Chairperson and by the Secretary.</p> <p>A copy of the minutes shall be sent to the immediately superior organ within fifteen (15) days from the day of its approval.</p> <p>The minutes of the General Assembly at national level shall be sent to the Minister in charge of gender promotion in a period not exceeding fifteen days from the day of its approval.</p>	<p>est aussi réservée à l'organe de l'Administration centrale à ce niveau.</p> <p>Lorsque ce délai expire avant de recevoir la réaction, les décisions sont réputées avoir été adoptées définitivement.</p> <p><b><u>Article 15 : Instances destinataires du compte-rendu de l'Assemblée Générale</u></b></p> <p>Le compte-rendu de la réunion de l'Assemblée Générale à chaque niveau est rédigé par son Secrétaire. Il est signé par le Président de la réunion et le Secrétaire.</p> <p>Une copie de ce compte-rendu est envoyée au à l'organe supérieur endéans quinze (15) jours depuis le jour de son adoption.</p> <p>Le compte-rendu de la réunion de l'Assemblée Générale au niveau national est envoyé au Ministre ayant la promotion du genre dans ses attributions endéans quinze jours depuis le jour de son adoption.</p> <p><b><u>Section 2 : Mission, competence,</u></b></p>
---	--	---

<p><b>Icyiciro cya 2: Inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere bya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore</b></p> <p><b>Akiciro ka mbere: Inshingano n'Ububasha bya Komite Nyobozi</b></p> <p><b>Ingingo ya 16: Inshingano n'ububasha bya Komite Nyobozi</b></p> <p>Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore nirwo rwego rushinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'Inama rusange no guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa.</p> <p>Komite Nyobozi ya buri rwego ishinzwe ibi bikurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1.Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Rusange;</li> <li>2.Kuyobora no guhuza ibikorwa by'urwego ihagarariye;</li> <li>3.Kwemeza gahunda y'ibikorwa;</li> </ol>	<p><b><u>Section 2: Mission, competence, structure and functioning of the Executive Committee of the National Women Council</u></b></p> <p><b><u>Sub section One: Mission and competence of the Executive Committee</u></b></p> <p><b><u>Article 16: Mission and competence of the Executive Committee</u></b></p> <p>The Executive Committee of the National Women's Council is the organ in charge of implementing the decisions taken by the General Assembly and coordinating activities of stakeholders involved in women's Promotion.</p> <p>The Executive Committee of each organ shall have the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1.To implement the decisions of the General Assembly;</li> <li>2.To run and coordinate the activities of the organ it represents;</li> <li>3.To approve the plan of action;</li> </ol>	<p><b>structure et fonctionnement du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes</b></p> <p><b><u>Sous section première : Mission et compétence du Comité Exécutif</u></b></p> <p><b><u>Article 16 : Mission et Compétences du Comité Exécutif</u></b></p> <p>Le Comité Exécutif du Conseil National des Femmes est l'organe chargé de la mise en application des décisions prises par l'Assemblée Générale et de la coordination des activités des partenaires en matière de promotion de la femme.</p> <p>Le Comité Exécutif de chaque organe a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Mettre en application les décisions de l'Assemblée Générale ;</li> <li>2. Diriger et coordonner les activités de l'organe qu'il représente ;</li> <li>3. Approuver le plan d'action;</li> </ol>
---	---	---

<p>4. Gufasha gushaka inkunga y'ibikorwa biteganyijwe muri gahunda;</p> <p>5. Gukurikirana Imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ;</p> <p>6. Gusuzuma imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari mbere yo kuyishyikiriza inzego zibifitiye ububasha;</p> <p>7. Gutegura no guha raporo Inama Rusange n'izindi nzego bireba.</p> <p>Buri mwaka Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu na Minisitiri ufite uburinganire mu nshingano ze bagirana amasezerano y'imihigo y'ibikorwa bizagerwaho kandi bakanamushyikiriza raporo y'ibikorwa rusange by'abagore byakozwe n'Inama y'Igihugu y'Abagore.</p> <p>Bitarenze igihembwe cya mbere cya buri mwaka, Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu iha Minisitiri ufite uburinganire mu nshingano ze raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize. Iyo raporo igomba kubanza</p>	<p>4. To contribute to the resource mobilisation for the implementation of planned activities</p> <p>5. To follow up the functioning of the Executive Secretariat;</p> <p>6. To examine the draft budget before submitting it to competent organs;</p> <p>7. To prepare and submit the annual report to the General Assembly and to all other concerned organs.</p> <p>Every year, the Executive Committee at national level shall sign with the Minister in charge of gender a performance contract and submit a report on women activities implemented by National Women's Council.</p> <p>Before the end of the first quarter of each year, the Executive Committee at national level shall submit to the Minister in charge of gender promotion a report on the execution of the budget</p>	<p>4. Contribuer à la mobilisation des ressources pour l'exécution des activités</p> <p>5. Suivre de près le fonctionnement du Secrétariat Exécutif;</p> <p>6. Examiner l'avant-projet de budget avant de le transmettre aux organes compétents ;</p> <p>7. Préparer et présenter le rapport d'activités à l'Assemblée Générale et aux autres organes concernés.</p> <p>Chaque année, le Comité Exécutif au niveau national signe avec le Ministre ayant la promotion du genre dans des attributions un contrat de performance et lui transmet dans ses attributions le rapport des activités menées en faveur de la femme par le Conseil National des Femmes.</p> <p>Avant la fin du premier trimestre de chaque année, le Comité Exécutif au niveau national présente au Ministre ayant la promotion du genre dans ses attributions le rapport sur</p>
---	---	--

<p>kwemezwa n’Inama rusange ku rwego rw’Igihugu.</p> <p><b>Akicro ka kabiri: Imiterere ya Komite Nyobozi n’inshingano z’abayigize</b></p> <p><b>Ingingo ya 17: Umubare w'abagize Komite Nyobozi</b></p> <p>Komite Nyobozi ya buri rwego igizwe n'abantu barindwi bakurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1 . Umuhuzabikorwa;</li> <li>2. Umuhuzabikorwa wungiriye;</li> <li>3. Umunyamabanga;</li> <li>4. Ushinzwe ubukungu;</li> <li>5. Ushinzwe imibereho myiza;</li> <li>6. Ushinzwe imiyoborere myiza;</li> <li>7. Ushinzwe Ubutabera</li> </ol> <p>Ku rwego rw'Igihugu, Umuhuzabikorwa n'Umuhuzabikorwa wungiriye, bitwa Perezida na Visi-Perezida.</p>	<p>of the previous year. That report should first be approved by the General Assembly at national level.</p> <p><b><u>Section2: Structure of the Executive Committee and attributions of its members</u></b></p> <p><b><u>Article 17: Number of the Executive Committee Members</u></b></p> <p>At each level, the Executive Committee shall comprise of the following seven members:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. The Coordinator;</li> <li>2. The deputy coordinator;</li> <li>3. The Secretary;</li> <li>4. The in-charge of Economic Affairs;</li> <li>5.The in-charge of Social Affairs;</li> <li>6.The in-charge of Good Governance;</li> <li>7. The in-charge of Justice.</li> </ol> <p>At the national level, the coordinator and Deputy Coordinator are called President and Vice President</p>	<p>l’exécution du budget de l’année précédente. Ce rapport doit d’abord être approuvé par l’Assemblée Générale au niveau national.</p> <p><b><u>Section 2 : Structure du Comité Exécutif et attributions de ses membres</u></b></p> <p><b><u>Article 17: Nombre des membres du Comité Exécutif</u></b></p> <p>A chaque niveau, le Comité Exécutif comprend les sept membres suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. La coordinatrice ;</li> <li>2. La Coordinatrice adjointe ;</li> <li>3. La Secrétaire ;</li> <li>4. La chargée des affaires économiques ;</li> <li>5. La chargée des affaires sociales ;</li> <li>6. La chargée de la bonne gouvernance ;</li> <li>7. La chargée de justice.</li> </ol> <p>Au niveau national, la Coordinatrice et la Coordinatrice adjointe sont appelées ‘Présidente et Vice-Présidente’</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 18: Manda ya Komite Nyobozi n’uburyo abayigize bajyaho</u></b></p> <p>Abagize Komite Nyobozi ku nzego zose batorerwa igihe cy’imyaka itanu gishobora kongerwa rimwe gusa.</p> <p>Amabwiriza ya Komisiyo y’Igihugu y’Amatora agena uburyo abagize Komite Nyobozi batorwa n’uburyo basimburwa.</p> <p>Amatora y’abagize Komite Nyobozi z’Inama y’Igihugu y’Abagore akoresha na Komisiyo y’Igihugu y’Amatora.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19: Ibisabwa abakandida muri Komite Nyobozi</u></b></p> <p>Kugira ngo umugore atorerwe kujya muri Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Igihugu, ku rwego rw’Umujyi wa Kigali no ku rwego rw’Intara agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yo mu rwego rwa A0.</p>	<p><b><u>Article 18: Mandate of the Executive Committee and election modalities</u></b></p> <p>At all levels, Executive Committee members shall be elected for a five years mandate, renewable only once.</p> <p>The National Electoral Commission’s Instructions shall determine modalities for election and replacement of Executive Committee members.</p> <p>Elections of members of the Executive Committee of the National Women’s Council shall be organized by the National Electoral Commission</p> <p><b><u>Article 19: Required conditions for the candidate to the Executive Committee</u></b></p> <p>To be elected as a member of the Executive Committee of the National Women’s Council at national, Kigali City and provincial levels, the female candidate must hold at least an A<sub>0</sub> level Degree.</p>	<p><b><u>Article 18: Mandat du Comité Exécutif et modalités d’élections</u></b></p> <p>A tous les niveaux, les membres du Comité Exécutif sont élus pour un mandat de cinq ans renouvelable une seule fois.</p> <p>Les Instructions de la Commission Nationale Eléctorale déterminent les modalités de l’élection et du remplacement des membres du Comité Exécutif.</p> <p>Les élections des membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes sont organisées par la Commission Nationale Electorale.</p> <p><b><u>Article 19 : Conditions exigées à la candidate au Comité Exécutif</u></b></p> <p>Pour être élue membre du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau national, de la Ville de Kigali et de la Province, la femme candidate doit détenir au moins un diplôme de niveau A0.</p> <p>Pour être élue membre du Comité</p>
---	---	---

<p>Kugira ngo umugore atorerwe kujya muri Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Akarere cyangwa ku rwego rw’Umurenge agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yo mu rwego rwa A<sub>2</sub>.</p> <p>Cyakora, Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’abagore ku rwego rw’Akarere agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yo mu rwego rwa A<sub>0</sub>. Umuhuzabikorwa ku rwego rw’Umurenge agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yo mu rwego rwa A<sub>2</sub>.</p> <p>Kugira ngo umugore atorerwe kujya muri Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Akagari cyangwa ku rwego rw’Umudugudu agomba kuba yararangije nibura amashuri atandatu abanza.</p> <p><b><u>Akiciro ka gatatu : Inshingano z’abagize Komite Nyobozi</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Inshingano z’umuhuzabikorwa wa Komite Nyobozi</u></b></p> <p>Umuhuzabikorwa wa Komite Nyobozi ya buri rwego ashinzwe ibi bikurikira :</p> <p>1. Guhagararira no kuvuganira Inama y’Igihugu y’Abagore ku urwego akoreraho</p>	<p>To be elected as a member of the Executive Committee of the National Women’s Council at District level, the female candidate must hold at least an A<sub>2</sub> level certificate.</p> <p>However, the Coordinator at the District level must hold at least A<sub>0</sub> and A<sub>2</sub> at the Sector level.</p> <p>To be elected as a member of the Executive Committee of the National Women’s Council at Cell and Village levels, the female candidate must have completed at least six years of primary school.</p> <p><b><u>Sub-section 3: Attributions of the Executive Committee Members</u></b></p> <p><b><u>Article 20: Attributions of the coordinator of the Executive Committee</u></b></p> <p>The Coordinator of the Executive Committee of each organ shall have the following Attributions:</p> <p>1.To represent and carry out advocacy for the organ she represents ;</p>	<p>Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du District ou du Secteur, la femme candidate doit détenir au moins un diplôme de niveau A<sub>2</sub>.</p> <p>Cependant, la Coordinatrice au niveau du District doit détenir au moins un diplôme de niveau A<sub>0</sub> et au niveau du Secteur, elle doit avoir un diplôme de niveau A<sub>2</sub>.</p> <p>Pour être élue membre du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau de la Cellule et du village, la femme candidate doit avoir terminé au moins six ans de l’école primaire.</p> <p><b><u>Sub-Section 3 : Attributions des membres Comité Exécutif</u></b></p> <p><b><u>Article 20 : Attributions de la Coordinatrice du Comité Exécutif</u></b></p> <p>La Coordinatrice du Comité Exécutif de chaque organe a les attributions suivantes :</p> <p>1. Représenter et faire le plaidoyer de l’organe qu’elle représente ;</p>
---	--	---

<p>2. Gutumira no kuyobora Inama y'abagize Komite Nyobozi;</p> <p>3. Gutumira no kuyobora Inama Rusange;</p> <p>4. Guhuza ibikorwa bya Komite Nyobozi.</p> <p>Umuhuzabikorwa wa Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara, rw'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu ahagararira Inama y'igihugu y'Abagore mu Nama Njyanama/Inama Mpuzabikorwa y'izi nzego z'ubuyobozi.</p> <p>Umuhuzabikorwa wa Komite Nyobozi ku rwego rw'Akarere, ku rwego rw'Umurenge, ku rwego rw'Akagari, ku rwego rw'Umudugudu ahagararira Inama y'Igihugu y'Abagore mu Nama Njyanama y'izo nzego z'imitegekere y'Igihugu.</p> <p>Abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu nzego z'ubuyobozi za Leta batanga raporo yabo muri Komite Nyobozi baturukamo.</p>	<p>2.To convene and chair Executive Committee meetings</p> <p>3. To convene and chair General Assembly meetings;</p> <p>4. To coordinate the activities of the Executive Committee.</p> <p>The Executive Committee Coordinator at Province, Kigali City and national levels shall represent the National Women's Council in the Consultative Council of the above administrative instances.</p> <p>The Executive Committee Coordinator at the District, Sector, Cell and Village level, shall represent the National Women's Council in the Consultative Council of the above administrative instances.</p> <p>The National Women Council representatives in the organs of the Administration of the country shall submit their report to their respective Executive Committee.</p>	<p>2. Convoquer et présider la réunion des membres du Comité Exécutif ;</p> <p>3. Convoquer et présider la réunion de l'Assemblée Générale ;</p> <p>4. Coordonner les activités du Comité Exécutif.</p> <p>La Coordinatrice du Comité Exécutif au niveau de la Province, de la Ville de Kigali et au niveau national représente le Conseil National des Femmes dans les Comités Exécutifs desdites instances administratives.</p> <p>La Coordinatrice du Comité Exécutif au niveau Du District, du Secteur, de la Cellule et du Village représente le Conseil National des Femmes dans les Comités Exécutifs desdites instances administratives.</p> <p>Les représentantes du Conseil National des Femmes dans les organes de l'administration du pays présentent leur rapport à leur Comité Exécutif respectif.</p> <p><b>Article 21: Attributions de la</b></p>
--	---	---

<p><b>Ingingo ya 21: Inshingano z'Umuhuzabikorwa Wungirije</b></p> <p>Umuhuzabikorwa wungirije wa buri rwego ashinzwe ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Gusimbura umuhuzabikorwa igihe adahari no kumuhagararira igihe cyose bibaye ngombwa;</li> <li>2. Gufasha no kugira inama umuhuzabikorwa mu nshingano ze ;</li> <li>3. Gukurikirana itegurwa ry'inama afatanyije n'abandi bagize biro;</li> <li>4. Guharanira uburinganire n'ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore.</li> </ol>	<p><b><u>Article 21: Attributions of the Deputy Coordinator</u></b></p> <p>The Deputy Coordinator of each Organ shall have the following attributions :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1.To replace the Coordinator when she is absent and represent her where necessary;</li> <li>2.To assist and advise the Coordinator in her functions;</li> <li>3.To follow up the preparation of meetings in collaboration with other members of the Bureau;</li> <li>4.To promote gender among men and women</li> </ol>	<p><b>Coordinatrice Adjointe</b></p> <p>La Coordinatrice adjointe de chaque organe a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Remplacer la Coordinatrice lorsqu'elle est absente et la représenter chaque fois que de besoin;</li> <li>2. Assister et conseiller la Coordinatrice dans ses attributions ;</li> <li>3. Suivre de près la préparation des réunions en collaboration avec les autres membres du Bureau;</li> <li>4. Promouvoir l'égalité du genre entre l'homme et la femme.</li> </ol>
<p><b>Ingingo ya 22: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi</b></p> <p>Umunyamabanga wa buri rwego ashinzwe ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1.Gutegura inyandikomvugo z'inama na raporo z'ibikorwa bya Komite Nyobozi ;</li> </ol>	<p><b><u>Article 22: Attributions of the Executive Committee Secretary</u></b></p> <p>The Secretary of each organ shall have the following attributions :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1.To write minutes of meetings and activity reports of the Executive Committee;</li> </ol>	<p><b><u>Article 22: Attributions de la Secrétaire du Comité Exécutif</u></b></p> <p>La Secrétaire de chaque organe a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Rédiger les comptes-rendus des réunions et les rapports d'activités ;</li> <li>2. Rassembler et classer tous les</li> </ol>



<p>2.Kwegeranya no kubika inyandiko zose zirebana n'urwego abereye umunyamabanga;</p> <p>3.Kwegeranya imibare ku bikorwa n'ibibazo bireba abanyarwandakazi;</p> <p>4.Gushakira no kugeza ku banyarwandakazi batuye ifasi y'urwego arimo amakuru abafitiye akamaro;</p> <p>5. Gushishikariza abagore kwitabira itangazamakuru.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23: Inshingano y'ushinzwe ubukungu muri Komite Nyobozi</u></b></p> <p>Ushinzwe ubukungu kuri buri rwego ashinzwe ibi bikurikira :</p> <p>1.Gukangurira abagore gutanga umusanzu wabo n'indi nkunga yose yakwemezwa n'Inama Rusange ;</p> <p>2.Gukurikirana Imicungire y'umutungo n'imari by'Inama y'Igihugu y'Abagore ku</p>	<p>2.To collect and file all Documents dealing with the organ of which she ensures the secretariat;</p> <p>3.To collect data on Rwandan women's activities and issues;</p> <p>4.To collect and disseminate any information useful to Rwandan women living in the constituency of her jurisdiction;</p> <p>5. To encourage women to be interested in media.</p> <p><b><u>Article 23: Attributions of the person in charge of finance within Executive Committee</u></b></p> <p>At the level of each organ, the in-charge of economic affairs shall have the following attributions :</p> <p>1.To sensitize women to pay their contributions and any other contribution approved by the General Assembly;</p> <p>2.To supervise management of the property and financial resources of the</p>	<p>documents concernant l'organe dont elle assure le secrétariat;</p> <p>3. Collecter les données portant sur les activités et les problèmes concernant les femmes rwandaises;</p> <p>4. Collecter et diffuser les informations utiles aux femmes rwandaises vivant dans la circonscription de son ressort ;</p> <p>5. Encourager les femmes à s'intéresser aux mass media.</p> <p><b><u>Article 23 : Attributions de la Chargée des Finances</u></b></p> <p>Au niveau de chaque organe, la chargée des affaires économiques a les attributions suivantes :</p> <p>1. Sensibiliser les femmes à payer leurs cotisations et les contributions approuvées par l'Assemblée Générale ;</p> <p>2. Superviser la gestion du patrimoine et des ressources financières du Conseil National</p>
--	---	--

<p>rwego ariho ;</p> <p>3.Gukurikirana itegurwa ry'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'urwego akoreraho no gushakisha inkunga zemejwe n'Inama Rusange;</p> <p>4. Gukangurira abagore Imishinga n'ibikorwa bibyara inyungu n'ibyongera umusaruro no kwibumbira mu mashyirahamwe/amakoperative;</p> <p>5.Gushaka amasoko no kwiga uburyo bwo guhahirana;</p> <p>6.Gushakisha no kugeza ku bagore amakuru arebana na gahunda zabafasha kwiteza imbere mu by'ubukungu</p> <p>7.Gukurikirana ibikorwa by'imiryango n'amashyirahamwe irebana n'iby'ubukungu bikorera mu Karere no kubitangaho raporo;</p> <p>8. Gushishikariza abagore gukorana n'ibigo by'imari, kwizigama no gukoresha inguzanyo ;</p>	<p>National Women's Council at the level of her organ;</p> <p>3.To supervise the elaboration of the draft budget of the organ and mobilise the financial supports approved by the General Assembly;</p> <p>4.To sensitize women to get involved in projects and income generating activities and increase production and to form cooperatives;</p> <p>5.To look for the markets and convened modalities to supply markets;</p> <p>6.To search for and disseminate information on existing woman-focused financial programs;</p> <p>7.To supervise activities of any economy-based organisations and associations operating in the District and make a report on them;</p> <p>8.Senitize women to work with microfinance institutions, savings and credits;</p>	<p>des Femmes au niveau de son organe ;</p> <p>3. Superviser l'élaboration de l'avant projet du budget d'organe et mobiliser les soutiens financiers approuvés par l'Assemblée Générale ;</p> <p>4. Sensibiliser les femmes à s'engager dans des projets et activités génératrices de revenus et d'augmentation de la production et à former des coopératives;</p> <p>5. Chercher les débouchés et étudier les modalités permettant d'alimenter les marchés;</p> <p>6. Checher et diffuser les informations sur les programmes économiques utiles aux femmes ;</p> <p>7. Superviser les activités des organisations et associations à caractère économique œuvrant dans le District et en faire rapport ;</p> <p>8. Sensibiliser les femmes à collaborer avec les institutions de microfinance et sur l'épargne et le crédit ;</p> <p>9. Participer aux réunions du</p>
--	--	---

<p>9. Kujya mu nama za Komite ishinzwe amajyambere mu nzego z'imitegekere y'igihugu ariho iyo ari;</p> <p>10. Guteza imbere ikoranabuhanga mu bagore;</p> <p>11. Gukangurira abagore ibikorwa byo gutunganya imiturire no kubungabunga ibidukikije;</p> <p>12. Gukora raporo y'ibikorwa biri mu nshingano ze buri gihembwe akayishyikiriza umuhuzabikorwa;</p> <p>13. Gukora indi mirimo yahabwa n'inzego zisumbuye ziyanye n'inshingano ze.</p> <p>Ingano y'umusanzu n'uburyo bwo kuwutanga bivugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo, bizagenwa n'amategeko ngengamikorere.</p>	<p>9.To take part in meetings of the Development Committee in the organs of the Administration of the country where such organs exist;</p> <p>10.To promote the use of information technologies by women;</p> <p>11.To sensitize women to get involved in activities designed to improve housing and protect the environment;</p> <p>12.To prepare the quarterly report of activities and submit it to the Coordinator;</p> <p>13. To carry out any other duty as may be assigned by hierarchical organs in relation to her duties and responsibilities.</p> <p>The amount of and payment modalities contributions as stipulated in point one of this article, shall be determined by the Internal rules and regulations</p>	<p>Comité de Développement au sein des organes de son ressort dans l'administration du pays lorsqu'il en existe ;</p> <p>10. Promouvoir l'utilisation des technologies de l'information par les femmes;</p> <p>11. Sensibiliser les femmes à s'impliquer dans les activités d'amélioration de l'habitat et de protection de l'environnement ;</p> <p>12. Préparer le rapport trimestriel des activités et le soumettre à la Coordinatrice;</p> <p>13. S'acquitter de toute autre tâche que peuvent lui confier les organes supérieurs.</p> <p>Le montant et les modalités de paiement des cotisations et contribution prévues au point premier du présent article sont déterminées par le Règlement d'Ordre Intérieur</p> <p><b>Article 24 : Attributions de la</b></p>
---	--	---

<p><b>Ingingo ya 24: Inshingano z’ushinzwe Imibereho Myiza</b></p> <p>Ushinzwe Imibereho Myiza wa buri rwego ashinzwe ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Kugaragaza ibibazo by’imibereho y’abagore n’imiterere yabyo;</li> <li>2. Gukangurira no gufasha abagore bagize ibibazo kwitabira ibikorwa bibasubiza mu buzima busanzwe;</li> <li>3. Gukangurira abagore gukoresha ibikoresho binyuranye bya kiyambere biboroheraza imvune mu mirimo yabo ya buri munsu;</li> <li>4. Kugaragaza ibibazo by’ubuzima muri rusange n’ibireba abagore by’umwihariko;</li> <li>5. Gukangurira abagore gukingiza abana, kwipimisha batwite, kubyarira kwa muganga, kwivuzza mu buryo bwiza cyane cyane indwara zifata imyanya ndangabitsina no kwikingiza indwara;</li> <li>6. Gukurikirana gahunda z’ubuzima ku rwego akoreraho no gukangurira abagore kwitabira izo gahunda;</li> </ol>	<p><b>Article 24: Attributions of the person in charge of Social Affairs</b></p> <p>At the level of each organ, the in-charge of social affairs shall have the following attributions :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. To identify women’s social issues and determine their nature;</li> <li>2. To sensitize and help women who were faced with various problems to get involved in activities meant to facilitate their reintegration in;</li> <li>3. To sensitize women to use various modern equipments that can facilitate their daily activities;</li> <li>4. To identify health-related problems in general and those which affect women in particular;</li> <li>5. To sensitize women to get their children vaccinated, attend prenatal consultations, to give birth at Hospital, get treated mostly against sexually transmitted disease and get vaccinated themselves;</li> <li>6. To supervise activities of the health programmes at the level of the organ and sensitize women to follow those</li> </ol>	<p><b>Chargée des Affaires Sociales</b></p> <p>Au niveau de chaque organe, la chargée des affaires sociales a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Identifier les problèmes d’ordre social des femmes ainsi que leur nature;</li> <li>2. Sensibiliser et aider les femmes qui ont eu de problèmes à s’impliquer dans des activités de réintégration dans la vie normale ;</li> <li>3. Sensibiliser les femmes à utiliser divers équipements modernes qui facilitent leurs activités quotidiennes;</li> <li>4. Identifier les problèmes d’ordre sanitaire en général et ceux qui affectent les femmes en particulier ;</li> <li>5. Sensibiliser les femmes à faire vacciner leurs enfants, à suivre des consultations prénatales et mettre au monde à l’Hôpital, à se faire soigner surtout les maladies sexuellement transmissibles et à se faire vacciner;</li> <li>6. Superviser les activités des programmes de santé au niveau de son ressort et sensibiliser les femmes à y participer ;</li> </ol>
---	---	--

<p>7.Gukangurira abagore gahunda yo kuboneza urubyaro no guha abana uburere bwiza</p> <p>8.Gukangurira abagore kugira isuku muri rusange, cyane cyane isuku y'abana, mu nzu, ku mubiri, ku myambaro n'ibikoresho byo mu rugo, kurwanya indwara no kubungabunga ubuzima bakora siporo n'indi myitozo ngororamubiri;</p> <p>9.Gukangurira abagore kwita ku mirire myiza;</p> <p>10. Gushishikariza abagore kwitabira ubwisungane mu kwivuza</p> <p>11.Gushishikariza abagore kwirinda, kwisuzumisha no kwivuza virusi itera SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo;</p> <p>12.Gufatanya n'abajyanama b'ubuzima;</p> <p>13.Gukangurira abagore kwitabira</p>	<p>programme;</p> <p>7.To sensitize women to follow the birth control programme and give a good education to their children;</p> <p>8.To sensitize Rwandan women to practice hygiene in general, especially hygiene of their children in domestic, body, dress hygiene and clean household equipments, prevent diseases and preserve their health by doing sports and gymnastic exercises, while protecting the environment at the same time;</p> <p>9.To sensitize Rwandan women to improve their nutrition status;</p> <p>10.To encourage women to join the medical insurance</p> <p>11.To encourage women to prevent, and protect themselves against HIV/AIDS and any other epidemic diseases;</p> <p>12.To work closely with community health workers,</p> <p>13.To sensitize women to joins the</p>	<p>7. Sensibiliser les femmes rwandaise à suivre le programme de régularisations des naissances et a donner une bonne education a leurs enfants;</p> <p>8. Sensibiliser la femme rwandaise à pratiquer l'hygiène en général, spécialement l'hygiène des enfants, hygiène domestique, corporelle, vestimentaire et des équipements ménagers, à prévenir les maladies et à préserver leur santé en faisant le sport et les exercices d'assouplissement, tout en sauvegardant l'environnement ;</p> <p>9. Sensibiliser la femme rwandaise à améliorer le statut nutritionnel;</p> <p>10. Encourager les femmes à adhérer à l'assurance maladie</p> <p>11. Encourager les femmes à prévenir et se protéger contre le SIDA et autres maladies épidémiques ;</p> <p>12. Collaborer avec les animateurs de santé ;</p> <p>13. Sensibiliser les femmes à joindre les centres</p>
--	--	--

<p>amasomero,kugira umuco wo gusoma, kwandika , kubara ,gushaka amakuru no kuyamenyekanisha;</p> <p>14.Gushishikariza abagore kwiga no kwitabira amahugurwa, ubumenyi n'ikoranabuhanga;</p> <p>15.Gukangurira ababyeyi guha abakobwa n'abahungu amahirwe angana mu burezi no mu burere;</p> <p><b><u>Ingingo ya 25 : Inshingano z'Ushinzwe ubutabera</u></b></p> <p>Ushinzwe ubutabera wa buri rwego ashinzwe ibi bikurikira :</p> <p>1. Gukangurira abagore kumenya uburenganzira bwabo, amategeko abarengera no kuyitabaza;</p> <p>2. Kugaragaza ibibazo n'ibikorwa bibangamiye uburenganzira bw'abagore akabishyikiriza inzego zibishinzwe;</p> <p>3. Gukangurira abagore gukumira ihohoterwa no kugira inama abahohotewe ;</p>	<p>learning centers, to have a culture of reading, search for information and disseminate it;</p> <p>14.To encourage women to go to school and take part in training , science and technologies ;</p> <p>15.To sensitize parents to give their girls and boys equal opportunities in education;</p> <p><b><u>Article 25 : Attributions of the person in charge of Legal Affairs</u></b></p> <p>At the level of each organ, the in-charge of legal affairs shall have the following attributions :</p> <p>1.To sensitize women to know their rights and laws protecting them;</p> <p>2.To identify problems which constitute obstacles to women rights and report them to competent organs;</p> <p>3.To mobilise women to prevent violence , advise and assist women, victims of violence;</p>	<p>d'alphabetisation, à avoir la culture de lecture, à chercher les informations et à les diffuser</p> <p>14. Encourager les femmes à aller à l'école et à participer aux stages de formation et a poursuivre les options de science et de technologies ;</p> <p>15. Sensibiliser les parents à donner à leurs filles et garçons les mêmes chances à l'éducation;</p> <p><b><u>Article 25 : Attributions de la Chargée des Affaires Juridiques</u></b></p> <p>Au niveau de chaque organe, la chargée des affaires juridiques a les attributions suivantes :</p> <p>1. Sensibiliser les femmes à connaître leurs droits et les lois qui les proteger;</p> <p>2. Identifier les problèmes et les actions qui vont à l'encontre des droits des femmes et les présenter aux organes compétents ;</p> <p>3. Mobiliser les femmes à prévenir les violences, Conseiller et assister les femmes victimes de violences</p>
--	---	---

<p>4.Gushishikariza abagore gushyira ahagaragara no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina;</p> <p><b>Ingingo ya 26: Inshingano z’ Ushinzwe Imiyoborere Myiza</b></p> <p>Ushinzwe Imiyoborere Myiza wa buri rwego ashinzwe ibi bikurikira :</p> <p>1.Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide n’ingaruka zayo;</p> <p>2.Gukangurira abagore kumenya neza igihugu, kugikunda no kwirinda ibyagihungabanya;</p> <p>3.Gukangurira abagore kumenya umurongo wa politiki igihugu kigenderaho n' uruhare rwabo mu buyobozi bw'inzego zinyuranye;</p> <p>4.Gukangurira abagore kwitabira gahunda zinyuranye za Leta;</p> <p>5.Gukangurira abagore kwimakaza umuco</p>	<p>4.To encourage Rwandan women to denounce and fight against gender based violence;</p> <p><b><u>Article 26: Attributions of the person in charge of Good Governance</u></b></p> <p>At the level of each organ, the in-charge of good governance shall have the following attributions:</p> <p>1.To fight against the ideology of genocide and its consequences;</p> <p>2.To sensitize women to know their country, to be patriotic and prevent anything that could undermine its security;</p> <p>3.To sensitize women to be knowledgeable of the political vision of the country and their role in the management of various institutions;</p> <p>4.Mobilise women to take part in different government programmes</p> <p>5.To sensitize women to promote the culture of peace and improve their</p>	<p>4. Encourager les femmes à dénoncer et combattre les violences basées sur le genre</p> <p><b><u>Article 26: Attributions de la Chargée de la Bonne Gouvernance</u></b></p> <p>Au niveau de chaque organe, la chargée de la bonne gouvernance a les attributions suivantes :</p> <p>1. Lutter contre l’idéologie du génocide et ses conséquences ;</p> <p>2. Sensibiliser les femmes à mieux connaître leur pays, avoir l’esprit patriotique et à se garder de tout ce qui peut porter atteinte à sa sécurité ;</p> <p>3. Sensibiliser les femmes à mieux connaître la ligne politique du pays et leur part dans la direction de diverses institutions ;</p> <p>4. Mobiliser les femmes à participer aux différents programmes du Gouvernement</p> <p>5. Sensibiliser les femmes à promouvoir la culture la paix et leur intégrité morale ;</p>
---	---	---

<p>w'amahoro uw'ubunyangamugayo, indangagaciro na kirazira;</p> <p>6. Gukangurira abagore guharanira kujya mu nzego zifatirwamo ibyemezo;</p> <p>Guhagararira Inama y'ighugu y'abagore mu nama za Komite y'umutekano ku rwego akoreraho iyo ihari.</p> <p>Abari muri Komite Nyobozi bashinzwe ubukungu, imibereho myiza, imiyoborere myiza n'ubutabera bafatanya n'abafite mu nshingano zabo ibyo bikorwa bari mu buyobozi bwite ku nzego z'imitegekere y'ighugu.</p> <p><b>Akiciro ka 3 : Imikorere ya Komite Nyobozi</b></p> <p><b>Ingingo ya 27 : Inama za Komite Nyobozi</b></p> <p>Ku nzego zose, Abagize Komite Nyobozi baterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.</p>	<p>moral integrity ;</p> <p>6.To sensitize women to participate in decision-making organs;</p> <p>To represent the National Women's Council in security committee meetings of her jurisdiction where such a committee exists.</p> <p>The Executive Committee members in charge of economic affairs, social affairs, good governance and legal affairs shall work closely with the in-charge of those activities within the Administration of the country at their level.</p> <p><b><u>Sub Section 3: Functioning of the Executive Committee</u></b></p> <p><b><u>Article 27: Executive Committee Meetings</u></b></p> <p>At all levels, Executive Committee members shall meet once every quarter and whenever the need arises.</p>	<p>6. Sensibiliser les femmes à participer dans les organes de prise de décisions ;</p> <p>Participer aux réunions du comité de sécurité de son ressort lorsqu'un tel comité existe.</p> <p>Les membres du Comité Exécutif chargés des affaires économiques, des affaires sociales, de la bonne gouvernance et des affaires juridiques collaborent avec les responsables de ces activités au sein de l'administration du pays.</p> <p><b><u>Sous-section 3 : Fonctionnement du Comité Exécutif</u></b></p> <p><b><u>Article 27 : Réunions du Comité Exécutif</u></b></p> <p>A tous les niveaux, les membres du Comité Exécutif se réunissent une fois par trimestre et chaque fois que de besoin.</p> <p><b><u>Article 28 : Jetons de présence</u></b></p>
--	---	--



<p><b>Ingingo ya 28: Ibigenerwa Abagize Komite Nyobozi</b></p> <p>Ibigenerwa Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu, urw'Intara bitabiriye inama z'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore bigenwa n'Iteka rya Perezida.</p> <p>Ibigenerwa Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, urw'Akarere n'urw'Umurenge bitabiriye inama z'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore bigenwa n'Inama Njyanama ibifitiye ububasha.</p> <p>Iteka rya Perezida hamwe n'Inama Njyanama bivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo zigena kandi ibigenerwa abagize Inama y'Igihugu y'Abagore iyo boherejwe mu butumwa.</p>	<p><b><u>Article 28: Executive Committee's sitting allowance</u></b></p> <p>A Presidential Order shall determine sitting allowances to be allocated to the members of the Executive Committee at national or provincial levels present in meetings of the organs of the National Women's Council.</p> <p>The competent meeting Council of the concerned organ shall determine sitting allowances to be allocated to members of the Executive Committee at the level of the Kigali City, District and Sector present in meetings of the organs of the National Women's Council.</p> <p>The Presidential Order and Consultative Council provided for in the first and second paragraphs of this Article shall also determine allowances to be given to members of the National Women's Council when they travel for duty purposes.</p>	<p><b>pour les membres du Comité Exécutif</b></p> <p>Les membres du Comité Exécutif au niveau national ou provincial qui participent aux réunions des organes du Conseil National des Femmes, bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par Arrêté Présidentiel.</p> <p>Les membres du Comité Exécutif au niveau de la Ville de Kigali, du District et du Secteur qui participent aux réunions des organes du Conseil National des Femmes, bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par le Conseil Consultatif de l'organe concerné.</p> <p>L'arrêté Présidentiel et le Conseil Consultatif prévus au premier et deuxième paragraphe du présent article fixent également les indemnités à accorder aux membres du Conseil National des Femmes lorsqu'ils vont en mission sont déterminées conformément aux paragraphes premier et deuxième du présent article.</p> <p><b><u>Article 29 : Représentantes</u></b></p>
---	--	--

